

ITEGEKO N° 25/2007 RYO KUWA 27/06/2007  
RISHYIRAHU IKIGO CY'IGIHUGU CYA  
JEWOLOJI NA MINE MU RWANDA (OGMR)  
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE  
N'IMIKORERE BYACYO

LAW N° 25/2007 OF 27/06/2007 ESTABLISHING  
RWANDA GEOLOGY AND MINES  
AUTHORITY (OGMR) AND DETERMINING  
ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION  
AND FUNCTIONING

LOI N° 25/2007 DU 27/06/2007 PORTANT  
CREATION DE L'OFFICE DE LA GEOLOGIE ET  
DES MINES AU RWANDA (OGMR) ET  
DETERMINANT SA MISSION, SON  
ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE:** INGINGO  
RUSANGE

**CHAPTER ONE:** GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:** DISPOSITIONS  
GENERALES

**Ingingo ya mbere:** Ishyirwaho ry'ikigo  
n'izina ryacyo

**Article One:** The establishment and name of  
the Office

**Article premier:** Création et dénomination de  
l'Office

**Ingingo ya 2:** icyicaro

**Article 2:** Headquarters

**Article 2:** Siège

**UMUTWE WA II:** INSHINGANO ZA  
OGMR

**CHAPTER II:** RESPONSIBILITIES OF  
OGMR

**CHAPITRE II:** MISSIONS D'OGMR

**Ingingo ya 3:** Inshingano za OGMR

**Article 3:** Responsibilities of OGMR

**Article 3:** Missions d'OGMR

**Ingingo ya 4:** Uko OGMR igera ku  
nshingano zayo

**Article 4:** Modalities for the achievement of  
its mission

**Article 4:** Modalités de mise en œuvre de sa  
mission

**UMUTWE WA III:** URWEGO  
RUREBERERA OGMR

**CHAPTER III:** SUPERVISING  
AUTHORITY OF OGMR

**CHAPITRE III:** ORGANE DE TUTELLE  
D'OGMR

**Ingingo ya 5:** Urwego rureberera OGMR

**Article 5:** Supervising Authority of OGMR

**Article 5:** Organe de tutelle d'OGMR

|   |  |  |
|---|--|--|
| <b><u>Ingingo ya 6: Ibiteganywa mu masezerano</u></b>   | <b><u>Article 6: Contents of the contract of performance</u></b>                                 | <b><u>Article 6 : Contenu du contrat de performance</u></b>  |
| <b><u>UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA OGMR.</u></b>                                    | <b><u>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF OGMR</u></b>                                   | <b><u>CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT D'OGMR</u></b>                                      |
| <b><u>Ingingo ya 7: Inzego z'Ubuyobozi</u></b>  | <b><u>Article 7: Administrative organs</u></b>   | <b><u>Article 7 : Organes administratifs</u></b>   |
| <b><u>Icyiciro cya mbere : Inama y'Ubuyobozi</u></b>  | <b><u>Section One: The Board of Directors</u></b>  | <b><u>Section première : Du Conseil d'Administration</u></b>   |
| <b><u>Ingingo ya 8 : Ishyirwaho, inshingano n'ububasha by'Inama y'Ubuyobozi</u></b>             | <b><u>Article 8: The establishment, responsibilities and power of the Board of Directors</u></b> | <b><u>Article 8 : Mise en place, attributions et pouvoir du Conseil d'Administration</u></b>           |
| <b><u>Ingingo ya 9 : Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi</u></b>                                     | <b><u>Article 9: Responsibilities of the Board of Directors</u></b>                              | <b><u>Article 9 : Attributions du Conseil d'Administration</u></b>                                     |
| <b><u>Ingingo ya 10: Imitumirire n'iterana by'Inama y'Ubuyobozi</u></b>                         | <b><u>Article 10: Convening and holding of meetings of the Board of Directors</u></b>            | <b><u>Article 10 : Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration</u></b>              |
| <b><u>Ingingo ya 11: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi umuntu wayungura inama</u></b>         | <b><u>Article 11: Invitation of a resourceful person in the Board of Directors meeting</u></b>   | <b><u>Article 11: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration</u></b> |
| <b><u>Ingingo ya 12: Inyandiko y'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u></b> | <b><u>Article 12 The resolutions and the minutes of the Board of Directors</u></b>               | <b><u>Article 12: Résolutions et procès-verbaux du Conseil d'Administration</u></b>                    |
| <b><u>Ingingo ya 13 : Ibigenerwa abitabiriye inama</u></b>                                      | <b><u>Article 13: Sitting allowances</u></b>   | <b><u>Article 13 : Jetons de présence</u></b>  |

|   |  |  |
|---|--|--|
| <b><u>Ingingo ya 14:</u> Igongana ry'inyungu</b>                                | <b><u>Article 14:</u> Conflict of interest</b>   | <b><u>Article 14 :</u> Conflit d'intérêt</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 15:</u> Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo</b>     | <b><u>Article 15:</u> Reasons for leaving the membership of the Board of Directors</b> | <b><u>Article 15 :</u> Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration</b> |
| <b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi n'inzego z'imirimo bya OGMR</b>             | <b><u>Section 2:</u> Management and organisational structures of OGMR</b>              | <b><u>Section 2 :</u> De la Direction et du cadre organique d'OGMR</b>                             |
| <b><u>Ingingo ya 16 :</u> Inshingano z'Umuyobozi wa OGMR</b>                    | <b><u>Article 16:</u> Responsibilities of the Director of OGMR</b>                     | <b><u>Article 16:</u> Attributions du Directeur d'OGMR</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 17:</u> Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa</b>            | <b><u>Article 17:</u> Contract of performance</b>                                      | <b><u>Article 17 :</u> Contrat de performance</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 18:</u> Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi</b>                     | <b><u>Article 18:</u> The Rapporteur of the Board of Directors</b>                     | <b><u>Article 18 :</u> Rapporteur du Conseil d'Administration</b>                                  |
| <b><u>Ingingo ya 19:</u> Ibigenerwa Umuyobozi n'Abakozi</b>                     | <b><u>Article 19:</u> Benefits of the Director and the personnel</b>                   | <b><u>Article 19 :</u> Appointements accordés au Directeur et au personnel</b>                     |
| <b><u>Ingingo ya 20:</u> Imiterere n'inshingano z'inzego z'imirimo bya OGMR</b> | <b><u>Article 20:</u> Organization and departmental services of OGMR</b>               | <b><u>Article 20 :</u> Organisation et cadre organique d'OGMR</b>                                  |
| <b><u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI.</b>                                    | <b><u>CHAPTER V:</u> PATRIMONY AND FINANCE</b>   | <b><u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 21:</u> Aho umutungo ukomoka</b>                               | <b><u>Article 21:</u> Sources of the patrimony</b>                                     | <b><u>Article 21 :</u> Source du patrimoine</b>  |

|   |   |  |
|---|---|--|
| <b><u>Ingingo ya 22:</u> Imicungire, imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo</b>      | <b><u>Article 22:</u> Management, use and audit of property</b> | <b><u>Article 22 :</u> Gestion, utilisation et audit du patrimoine</b> |
| <b><u>Ingingo ya 23:</u> Ingengo y'imari</b>  | <b><u>Article 23:</u> Budget</b>                                | <b><u>Article 23 :</u> Du budget</b>                                   |
| <b><u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZISOZA</b>  | <b><u>CHAPTER VI:</u> FINAL PROVISIONS</b>                      | <b><u>CHAPITRE VI :</u> DISPOSITIONS FINALES</b>                       |
| <b><u>Ingingo ya 24:</u> Umutungo wa REDEMI</b>   | <b><u>Article 24:</u> Property of REDEMI</b>                    | <b><u>Article 24 :</u> Patrimoine de la REDEMI</b>                     |
| <b><u>Ingingo ya 25:</u> Ivanywaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b> | <b><u>Article 25:</u> Abrogating provisions</b>                 | <b><u>Article 25 :</u> Disposition abrogatoire</b>                     |
| <b><u>Ingingo ya 26:</u> Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa</b>                      | <b><u>Article 26:</u> Coming into force</b>                     | <b><u>Article 26 :</u> Entrée en vigueur</b>                           |

**ITEGEKO N° 25/2007 RYO KUWA 27/06/2007 RISHYIRAHU IKIGO CY'IGIHUGU CYA JEWOLOJI NA MINE MU RWANDA (OGMR) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 6 Kamena 2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 23 Mutarama 2007;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118, iya 183 n'iya 201 ;

**LAW N° 25/2007 OF 27/06/2007 ESTABLISHING RWANDA GEOLOGY AND MINES AUTHORITY (OGMR) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of June 6, 2007;

The Senate, in its session of January 23, 2007;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 183 and 201;

**LOI N° 25/2007 DU 27/06/2007 PORTANT CREATION DE L'OFFICE DE LA GEOLOGIE ET DES MINES AU RWANDA (OGMR) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés en sa séance du 6 juin 2007;

Le Sénat, en sa séance du 23 janvier 2007;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, 183 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 14/2004 ryo kuwa 26/05/2004 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk’uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17,

Given Organic Law n° 14/2004 of 26/05/2004 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date especially in Article 17;

Vu la loi organique n° 14/2004 du 26/05/2004 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 17 ;

Ishingiye ku Itegeko ryo kuwa 27/04/1971 rishyiraho amategeko ya mine, nk’uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu,

Given Law of 27/04/971 establishing the law relating to mines as modified and complemented to date;

Vu la loi du 27/04/1971 portant code minier telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ishingiye ku Itegeko-Teka n° 34/76 ryo kuwa 13/10/1976 ryerekeye Kariyeri;

Given Decree Law n° 34/76 of 13/10/1976 relating to quarry exploitation;

Vu le décret-loi n° 34/76 du 13/10/1976 relatif à l’exploitation de carrières;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOpte:**

**UMUTWE WA MBERE:**  
**RUSANGE**

**INGINGO CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere : Ishyirwaho ry’Ikigo n’izina ryacyo**

**Article One: The establishment and name of the Office**

**Article premier: Création et dénomination de l’Office**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy’Igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda, cyitwa “ Office de la Géologie et des Mines au Rwanda”, OGMR mu magambo ahinnye y’igifaransa kandi rikagena inshingano, imiterere n’imikorere byacyo.

This Law establishes the National Geology and Mines Authority referred to as “Office de la Géologie et des Mines au Rwanda”, abbreviated as OGMR in French, and determines its responsibilities, organisation and functioning.

La présente loi porte création de l’Office de la Géologie et des Mines au Rwanda, OGMR en sigle, et détermine la mission, l’organisation et le fonctionnement dudit Office.

OGMR ifite ubuzimagatozi n’ubwigenge mu miyoborere yayo no mu micungire y’umutungo n’abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga inzego z’imirimo ya Leta.

OGMR has a legal status, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with Laws governing organs of Public Service.

OGMR est doté de la personnalité juridique et de l’autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois relatives à la fonction publique.

**Ingingo ya 2: icyicaro**

Icyicaro cya OGMR kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

OGMR ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA OGMR**

**Ingingo ya 3 : Inshingano za OGMR**

Inshingano z'ingenzi za OGMR ni:

- 1° gukora ubushakashatsi mu bya jwoloji na mine bushingiye ku byo igihugu gikeneye kandi by'ingenzi;
- 2° guteza imbere ibikorwa by'ikorabuhanga bigamije amajyambere ya jwoloji na mine;
- 3° guha agaciro umusaruro w'ibicukurwa muri mine na kariyeri;
- 4° gufasha gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu bucukuzi bw'amabuye;

**Article 2:Headquarters**

The headquarters of OGMR is in the Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if considered necessary.

OGMR may have branches elsewhere in the country if considered necessary, after approval by an Order of the Prime Minister in order to fulfil its responsibilities.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF OGMR**

**Article 3: Responsibilities of OGMR**

The main responsibilities of OGMR are:

- 1° to conduct survey in geology and mining basing on major national priorities;
- 2° to promote appropriate technology aimed at development of geology and mining;
- 3° to establish value of mining products and quarries;
- 4° to facilitate the establishment of standards in mining;

**Article 2: Siège**

Le siège d'OGMR est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

OGMR peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur Arrêté du Premier Ministre pour mieux s'acquitter de sa mission.

**CHAPITRE II : MISSIONS D'OGMR**

**Article 3 : Missions d'OGMR**

Les principales missions d'OGMR sont les suivantes :

- 1° mener des recherches dans le domaine de la géologie et des mines sur base de principaux besoins du pays ;
- 2° assurer la promotion des activités technologiques en vue du développement de la géologie et des mines;
- 3° assurer la valorisation des produits miniers et de carrière;
- 4° aider à l'établissement des normes d'exploitation minière;

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 5° guhugura abakozi mu bya mine na kariyeri;  | 5° to train employees in matters relating to mines and quarry;  | 5° assurer la formation du personnel en matière de mines et de carrière;   |
| 6° gukurikiranira hafi no kugenzura inzego za Leta cyangwa izigenga z'ubucukuzi, iz'ubucuruzi n'iz'iyongeragaciro y'ibicurwa; | 6° to supervise and monitor private and public mining, trade and value added in mining;                     | 6° assurer le suivi et l'inspection des secteurs tant publics que privés d'exploitation minière, de commerce et de transformation de produits miniers; |
| 7° gutangaza no kwamamaza ibyagezweho mu bushakashatsi bwa jewoloji na mine;  | 7° to publicise research findings in geology and mining;  | 7° assurer la publication et la diffusion des résultats de recherche géologique et minière ;   |
| 8° kugira uruhare mu gutegura politiki, amategeko n'ingamba muri jewoloji na mine;  | 8° to participate in formulation of policies, Laws and strategies in geology and mining;                    | 8° contribuer à l'élaboration de la politique, des lois et des stratégies dans le domaine de la géologie et des mines ;                                |
| 9° gufasha Leta kumenya agaciro k'imbago za mine na kariyeri;   | 9° to assist the government in valuing mining and quarry concessions;                                       | 9° aider l'Etat dans la valorisation des concessions minières et de carrière ;   |
| 10° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'Akarere no mu rwego Mpuzamahanga bihuje inshingano na OGMR.        | 10° collaborating with other regional and international institutions carrying out similar responsibilities. | 10° établir des relations et collaborer avec d'autres offices tant régionaux qu'internationaux ayant des attributions similaires à celles d'OGMR.      |

**Ingingo ya 4 :Uko OGMR igera ku nshingano zayo**

Kugira ngo OGMR igere ku nshingano yahawe, yifashisha za Kaminuza, za Laboratwari z'ubushakashatsi n'izindi nzego z'imirimo zunganira ubwo bushakashatsi. OGMR ishyiraho uburyo buhamye bwo gufatanya mu bushakashatsi n'ibigo byo mu Rwanda n'ibyo mu mahanga.

**Article 4: Modalities for the achievement of its mission**

In order for OGMR to fulfil its mission, it shall seek assistance from universities, research laboratories as well as administrative support services to the research. OGMR shall establish concrete mechanisms for scientific cooperation with universities and other national and international institutions.

**Article 4 : Modalités de mise en œuvre de sa mission**

Pour s'acquitter de sa mission, OGMR recourt aux universités, aux laboratoires de recherche et à d'autres services d'appui en cette recherche. OGMR établit des mécanismes appropriés de collaboration en matière de recherche avec d'autres offices tant régionaux qu'internationaux.

**UMUTWE WA III : URWEGO** **CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY** **CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE**  
**RUREBERERA OGMR** **OF OGMR** **D’OGMR**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera OGMR**

OGMR irebererwa na Minisiteri ifite jewoloji na mine mu nshingano zayo.

Hagati y’iyo Minisiteri n’Inama y’Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y’ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n’inshingano za buri ruhande mu kugera ku nshingano za OGMR.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y’abagize Inama y’Ubuyobozi ashwirwaho umukono na Perezida w’Inama y’Ubuyobozi na Minisitiri ureberera OGMR.

**Ingingo ya 6: Ibiteganwa mu masezerano**

Mu byo amasezerano avugwa mu ngingo ya 5 y’iri tegeko agomba guteganya mu buryo bwumvikana harimo:

- 1° inshingano z’Inama y’Ubuyobozi, iz’Ubuyobozi n’iz’inzego zose z’ingenzi za OGMR;
- 2° ibigomba kugerwaho na OGMR ;

**Article 5: Supervising Authority of OGMR**

OGMR is supervised by the Ministry in charge of geology and mines.

There shall be concluded between the Ministry and the Board of Directors a contract of performance indicating powers, rights and responsibilities of each party in fulfilling the responsibilities of OGMR.

Such a contract shall be valid for a period of the term of office of the members of the Board of Directors and be signed both by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister supervising OGMR.

**Article 6: Contents of the contract of performance**

Among the contents of the contract of performance mentioned in Article 5 of this Law that should be provided in a clear way are:

- 1° the responsibilities of the Board of Directors, of the management as well as of the main organs of the OGMR;
- 2° expected results of OGMR;

**Article 5 : Organe de tutelle d’OGMR**

OGMR est placé sous la tutelle du Ministère ayant la géologie et les mines dans ses attributions.

Il est signé, entre ce Ministère et le Conseil d’Administration, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission d’OGMR.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d’Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d’Administration et le Ministre de tutelle d’OGMR.

**Article 6 : Contenu du contrat de performance**

Le contrat de performance visé à l’article 5 de la présente loi doit préciser notamment les points suivants :

- 1° les engagements du Conseil d’Administration, ceux de la Direction et de tous les organes principaux d’OGMR;
- 2° les réalisations attendues d’OGMR;

3° aho umutungo wa OGMR ukomoka, imikorere yayo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

3° the source of the property of OGMR; its functioning and the permanent audit procedures.

3° la provenance du patrimoine d'OGMR, ses modalités de fonctionnement et d'audit permanent.

**UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA OGMR.**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF OGMR**

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT D'OGMR**

**Ingingo ya 7: Inzego z'Ubuyobozi**

**Article 7: Administrative organs**

**Article 7 : Organes administratifs**

OGMR igizwe n'inzego ebyiri (2) zikurikira :

OGMR comprises of the following two (2) organs:

OGMR est doté de deux (2) organes suivants :

- 1° Inama y'Ubuyobozi ;
- 2° Ubuyobozi .

- 1° the Board of Directors;
- 2° the Management.

- 1° le Conseil d'Administration ;
- 2° la Direction.

**Icyiciro cya mbere : Inama y'Ubuyobozi**

**Section One: The Board of Directors**

**Section première : Du Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 8 : Ishyirwaho, inshingano n'ububasha by'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 8: The establishment, responsibilities and power of the Board of Directors**

**Article 8 : Mise en place, attributions et pouvoir du Conseil d'Administration**

Inama y'Ubuyobozi ya OGMR ni rwo rwego ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa OGMR kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

The Board of Directors of OGMR is the organ which directs it and which is responsible for taking decisions. It shall have full powers and responsibilities to manage its property in order to fulfil its responsibilities.

Le Conseil d'Administration d'OGMR est l'organe de direction et de décision. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d'assurer la gestion du patrimoine d'OGMR en vue de la réalisation de sa mission.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi barindwi (7) barimo Perezida na Visi-Perezida. Nibura mironko itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

The Order of the Prime Minister shall appoint seven (7) members of the Board of Directors including the Chairperson and the Vice Chairperson. At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be women.

Un Arrêté du Premier Ministre porte nomination de sept (7) membres du Conseil d'Administration parmi lesquels figurent son Président et son Vice-Président. Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration sont du sexe féminin.

Abagize Inama y'Ubuyobozi bafite manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Members of the Board of Directors are appointed for a period of three (3) years which may be renewable only once. Les membres du Conseil d'Administration sont nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

**Ingingo ya 9 : Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** **Article 9: Responsibilities of the Board of Directors** **Article 9 : Attributions du Conseil d'Administration**

Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ni izi zikurikira: The responsibilities of the Board of Directors are as follows: Les attributions du Conseil d'Administration sont les suivantes :

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 1° gutanga icyerekezo cy'ibikorwa na gahunda y'imikorere bya OGMR;  | 1° to provide the strategic vision and the plan of action of the OGMR;  | 1° déterminer la vision stratégique et le plan d'action d'OGMR;  |
| 2° kwemeza umushinga w'amategeko ngengamikorere ya OGMR ashwirwaho n'Iteka rya Minisitiri ureberera OGMR;   | 2° to approve the draft rules of procedures of OGMR which shall be approved by an Order of the Minister supervising OGMR; | 2° adopter le projet de règlement d'ordre intérieur d'OGMR qui sera approuvé par Arrêté du Ministre de tutelle d'OGMR; |
| 3° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka, mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishizwe ; | 3° to approve the annual draft budget proposal before it is transmitted to the relevant authorities;                      | 3° approuver l'avant-projet de budget annuel avant de le transmettre aux organes compétents ;                          |
| 4° gusuzuma imikorere ya OGMR hakurikijwe gahunda n'ingengo y'imari ;                                       | 4° to examine the performance of OGMR in accordance with the plan of action and the budget;                               | 4° évaluer les performances d'OGM sur base du plan d'action et du budget ;   |
| 5° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo z'umwaka urangiye;                       | 5° to approve the activity report and the financial reports for the previous year;  | 5° approuver le rapport d'activités et le rapport d'utilisation du patrimoine pour l'exercice précédent ;              |
| 6° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi bwa OGMR n'abakozi bayo.  | 6° to monitor the performance of the management of OGMR and its personnel;  | 6° faire le suivi de la performance de la Direction d'OGMR et de son personnel.  |

**Ingingo ya 10: Imitumirire n'iterana by'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi ya OGMR iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Buri gihembwe kandi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera OGMR.

**Article 10: Convening and holding of meetings of the Board of Directors**

The meeting of the Board of Directors of OGMR is held once every three months and at any time it is considered necessary upon invitation by its Chairperson or Vice Chairperson, in case of absence of its Chairperson, at own initiative, or upon proposal in writing by a third (1/3) of its members.

The invitation shall be submitted in writing to the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, the extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items to be examined by the Board of Directors in the first term of the year shall include approval of the activity report and the financial report of the previous year. In the third term, there shall be included the examination of draft the annual Budget proposal and the plan of action of the following year.

Also, the Board of Directors shall quarterly examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and the report shall be transmitted to the Minister supervising OGMR.

**Article 10 : Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration d'OGMR se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en l'absence du Président, de leur propre initiative, ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation à la réunion est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion.

A l'ordre du jour du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation des rapports d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent. L'agenda de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet du budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et les soumettre au Ministre de tutelle d'OGMR.

Uburyo inama iterana n'uko ibyemezo bifatwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya OGMR. The procedures through which the meeting is held and the mode of taking decisions shall be determined by the internal rules and regulations of OGMR. Les modalités de tenue de réunion et de prise de décision du Conseil d'Administration sont prévues par le Règlement d'Ordre Intérieur d'OGMR.

**Ingingo ya 11: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi umuntu wayungura inama** **Article 11: Invitation of a resourceful person in the Board of Directors meeting** **Article 11: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration**

Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa. The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invitee is not allowed to vote and to follow the debates of other issues on the agenda. Le Conseil d'Administration peut, au cours de ses réunions, consulter toute personne qu'il juge compétente pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

**Ingingo ya 12: Inyandiko y'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** **Article 12 The resolutions and the minutes of the Board of Directors** **Article 12: Résolutions et procès-verbaux du Conseil d'Administration**

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ureberera OGMR mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho, ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu. The resolutions of the meeting of the Board of Directors shall be signed by its members immediately at its completion, and its copy shall be sent to the Minister supervising OGMR in a period not exceeding five (5) days in order to give his or her views in a period not exceeding fifteen (15) days from its reception. If this period expires when he or she has not given his or her views, the resolutions of the meeting shall be presumed definitively approved. Les résolutions du Conseil d'administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et transmises en copie au Ministre de tutelle d'OGMR dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations endéans quinze (15) jours à dater de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions du Conseil sont réputées définitives.

Inyandikomvugo y'inama ishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri ureberera OGMR mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

The minutes of the meeting shall be signed by the Chairperson and its rapporteur, and it shall be approved in the following session. The copy of the minutes shall be sent to the Minister supervising OGMR in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et soumis à la séance suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle d'OGMR dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

**Ingingo ya 13 : Ibigenerwa abitabiriye inama**

**Article 13: Sitting allowances**

**Article 13 : Jetons de présence**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to a sitting allowance determined by a Presidential Order.

Les membres du Conseil d'Administration ayant participé aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient de jetons de présence dont le montant est déterminé par Arrêté Présidentiel.

**Ingingo ya 14: Igongana ry'inyungu**

**Article 14: Conflict of interest**

**Article 14 : Conflit d'intérêt**

Abagize Inama y'Ubuyobozi haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo na OGMR cyangwa gupiganira amasoko atangwa na OGMR.

The members of the Board of Directors and companies in which they are shareholders are not allowed to perform any remunerated activity in OGMR or to compete for tenders of OGMR.

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration et aux sociétés dont ils sont associés d'exercer des fonctions rémunérées au sein d'OGMR ou de soumissionner pour les marchés d'OGMR.

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo**

**Article 15: Reasons for leaving the membership of the Board of Directors**

**Article 15 : Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;

A member of the Board of Directors shall leave such an office if:

- 1° his or her term of office expires;
- 2° he or she resigns through writing;

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants :

- 1° expiration du mandat ;
- 2° démission par notification écrite ;

- |   |   |   |
|---|---|---|
| <p>3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;</p> | <p>3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;</p>  | <p>3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;</p>                                   |
| <p>4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;</p>                          | <p>4° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;</p>                    | <p>4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis ;</p> |
| <p>5° asibye inama inshuro eshatu zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;</p>   | <p>5° he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year with no justified reasons;</p>                                      | <p>5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;</p>               |
| <p>6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Ubuyobozi;</p>   | <p>6° it is clear that he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment on the Board of Directors;</p> | <p>6° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises pour lesquelles il avait été nommé ;</p>        |
| <p>7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;</p>  | <p>7° he or she demonstrates behaviour not be fitting his or her responsibilities;</p>  | <p>7° comportement incompatible avec ses fonctions ;</p>  |
| <p>8° abangamira inyungu za OGMR;</p>   | <p>8° he or she jeopardises the interests of the OGMR;</p>  | <p>8° agissement contre les intérêts d'OGMR;</p>  |
| <p>9° yireze akemera icyaha cya jenocide;</p>   | <p>9° he or she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;</p>   | <p>9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;</p>   |
| <p>10° iyo agaragaraho ingengabitekerezo ya jenocide;</p>   | <p>10° he or she is characterised by genocide ideology;</p>   | <p>10° faire montre d'indices d'idéologie du génocide ;</p>   |
| <p>11° apfuye.</p>  | <p>11° he or she dies.</p>  | <p>11° décès.</p>   |

Minisitiri ureberera OGMR agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi adakwiriye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe ibiteganywa mu gika kibanziriza iki.

The Minister supervising OGMR shall indicate in a report to competent authorities whether one of the members of the Board of Directors is not worth its membership or if he or she is no longer in his or her position in accordance with the preceding paragraph.

Le Ministre de tutelle d'OGMR constate dans un rapport adressé à l'organe compétent que l'un des membres du Conseil d'Administration n'a plus la qualité d'être membre ou que son poste est vacant conformément aux dispositions de l'alinéa précédent.

|   |   |   |
|---|---|---|
| <p>Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.</p> | <p>In case one of the members of the Board of Directors leaves office before the expiration of the term of office, the competent authority shall appoint a substitute. The appointee shall complete the remaining term of office.</p> | <p>Si un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité de nomination désigne le remplaçant. Celui-ci termine le mandat de celui qu'il a remplacé.</p> |
|---|---|---|

|  |  |  |
|--|--|--|
| <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi n'inzego z'imirimo bya OGMR</b></p> | <p><b><u>Section 2:</u> Management and organisational structures of OGMR</b></p> | <p><b><u>Section 2:</u> De la Direction et du cadre organique d'OGMR</b></p> |
|--|--|--|

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z'Umuyobozi wa OGMR</b></p> | <p><b><u>Article 16:</u> Responsibilities of the Director of OGMR</b></p> | <p><b><u>Article 16:</u> Attributions du Directeur d'OGMR</b></p> |
|--|---|---|

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>Imicungire ya buri muni ya OGMR ishinze Umuyobozi wayo ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. Umuyobozi ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni bya OGMR kandi akabazwa n'Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.</p> | <p>The daily management of OGMR is entrusted to its Director who is appointed by an Order of the Prime Minister. The Director coordinates and directs the daily activities of OGMR and shall be answerable to the Board of Directors on how its decisions are implemented.</p> | <p>La gestion journalière d'OGMR est assurée par son Directeur nommé par Arrêté du Premier Ministre. Le Directeur coordonne et dirige les activités journalières d'OGMR et est responsable devant le Conseil d'Administration de la mise en œuvre de ses décisions.</p> |
|---|--|---|

|  |  |   |
|--|--|---|
| <p>By'umwihariko, Umuyobozi ashinzwe ibi bikurikira:</p> | <p>In particular, the Director is responsible for:</p> | <p>Le Directeur d'OGMR est spécialement chargé de :</p> |
|--|--|---|

- |  |   |   |
|--|---|---|
| <p>1° gutanga amabwiriza y'akazi ka OGMR n'ay'ubuyobozi bw'amashami ya OGMR;</p>   | <p>1° issuance of OGMR work and administrative branch directives;</p>   | <p>1° donner des instructions de service au sein d'OGMR et de la Direction de ses branches;</p>   |
| <p>2° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;</p> | <p>2° preparing and submitting to the Board of Directors the draft budget proposal of the following year and the financial report of the previous year;</p> | <p>2° élaborer et soumettre pour examen au Conseil d'Administration l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport d'exécution du budget pour l'exercice précédent ;</p> |
| <p>3° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa OGMR;</p>   | <p>3° executing the Budget and managing the property of OGMR;</p>   | <p>3° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine d'OGMR;</p>   |

- |   |    |   |  |
|---|----|---|--|
| 4° gukurikirana imicungire y'abakozi OGMR akurikije amategeko;  | ba | 4° ensuring the management of the personnel of the OGMR in accordance with the law;                                   | 4° assurer de la gestion du personnel d'OGMR conformément à la loi ;   |
| 5° kumenyesha mu nyandiko Inama y'Ubuyobozi imigendekere n'ibikorwa bya OGMR, nibura rimwe mu gihembwe. |    | 5° informing, in writing, the Board of Directors of the progress and the activities of the OMGR at least once a term; | 5° informer par écrit au moins une fois par trimestre le Conseil d'Administration de l'état d'avancement des activités d'OGMR; |
| 6° guhagararira OGMR imbere y'amategeko.  |    | 6° to represent OGMR before the law.  | 6° représenter OGMR devant la loi.   |

**Ingingo ya 17: Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa**

**Article 17: Contract of performance**

**Article 17 : Contrat de performance**

|  |   |  |
|--|---|--|
| Hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza nibura inshingano za buri ruhande n'ibyangombwa bikenewe kugira ngo OGMR igere ku nshingano zayo. | There shall be concluded, between the Board of Directors and the Management, a contract of performance indicating at least the responsibilities of each party and the conditions required in order for OGMR to fulfil its responsibilities. | Il est signé, entre le Conseil d'Administration et la Direction, un contrat de performance déterminant au moins les obligations de chaque partie et les besoins nécessaires à la réalisation de la mission d'OGMR. |
|--|---|--|

**Ingingo ya 18: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 18: The Rapporteur of the Board Directors**

**Article 18 : Rapporteur du Conseil d'Administration**

|  |   |   |
|--|---|---|
| Umuyobozi akurikira inama z'Inama y'Ubuyobozi, akazibera umwanditsi. Ashobora kuzitangamo ibitekerezo ariko ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo. | The Director shall attend the meetings of the Board of Directors and shall serve as their rapporteur. He or she may give views but he or she is not allowed to vote during decision making. | Le Directeur assiste aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur. Il peut participer aux débats du Conseil d'Administration mais sans voix délibérative. |
|--|---|---|

|   |   |   |
|---|---|---|
| Umuyobozi ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba; icyo gihe Inama y'Ubuyobozi yitoramo umwanditsi. | The Director shall not participate in the meetings that take decisions on issues that concern him; in that case, the Board of Directors shall elect from among themselves a rapporteur. | Il est interdit au Directeur de prendre part aux réunions du Conseil d'Administration qui traitent des points qui le concernent personnellement. Dans ce cas, le Conseil d'Administration élit en son sein un rapporteur. |
|---|---|---|

Amategeko ngengamikorere ya OGMR agena umusimbura iyo adahari. The internal rules and regulations of OGMR shall determine the substitute in case of absence. Le Règlement d'Ordre Intérieur d'OGMR détermine son remplaçant en cas d'absence.

**Ingingo ya 19: Ibigenerwa Umuyobozi n'Abakozi** **Article 19: Benefits of the Director and the personnel** **Article 19: Appointements accordés au Directeur et au personnel**

Ibyo Umuyobozi n'abakozi ba OGMR bagenerwa biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa. Benefits of the Director and the personnel of OGMR shall be determined in accordance with legal provisions that govern the personnel of public institutions. Les appointements accordés au Directeur et au personnel d'OGMR sont déterminés conformément aux lois régissant la rémunération du personnel des établissements publics.

**Ingingo ya 20: Imiterere n'inshingano z'inzego z'imirimo bya OGMR** **Article 20: Organization and departmental services of OGMR** **Article 20 : Organigramme et cadre organique d'OGMR**

Imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo kimwe n'amashami bya OGMR, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe, abisabwe na Minisitiri ureberera OGMR amaze kumva icyo Inama y'Ubuyobozi ibivugaho. The Organizational structure and the responsibilities as well as the branches of OGMR shall be determined by an Order of the Prime Minister, upon proposal by the Minister supervising OGMR, after consulting with the Board of Directors. L'organigramme et le cadre organique d'OGMR ainsi que de ses branches sont déterminés par Arrêté du Premier Ministre, sur proposition du Ministre de tutelle d'OGMR, après avis du Conseil d'Administration.

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI.** **CHAPTER V: PATRIMONY AND FINANCE** **CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**

**Ingingo ya 21: Aho umutungo ukomoka:** **Article 21: Sources of the patrimony** **Article 21 : Source du patrimoine**

Umutungo wa OGMR ukomoka aha hakurikira : The patrimony of OGMR shall come from the following sources: Le patrimoine d'OGMR provient des sources suivantes :

- |  |                                  |   |
|--|----------------------------------|---|
| 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;               | 1° the State budget allocations; | 1° les dotations budgétaires de l'Etat ;        |
| 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga; | 2° Government or donor grants;   | 2° les subventions de l'Etat ou des donateurs ; |

- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 4° inyungu ku mutungo wayo;
- 5° impano n'indagano.

- 3° income of its services;
- 4° interests from its investments;
- 5° donation and bequests.

- 3° le produit de ses services;
- 4° les revenus de son patrimoine ;
- 5° les dons et legs ;

**Ingingo ya 22: Imicungire, imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo**

**Article 22: Management, use and audit of property**

**Article 22 : Gestion, utilisation et audit du patrimoine**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa OGMR bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa OGMR buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagera kopi Ubuyobozi bwa OGMR.

The use, management and audit of the patrimony of OGMR shall be carried out in accordance with relevant laws. The service responsible for daily auditing of the use of the property of the property shall submit a report to the Board of Directors and reserve a copy to the Management of the OGMR.

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine d'OGMR sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne d'OGMR transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve copie à la Direction d'OGMR.

**Ingingo ya 23: Ingengo y'imari**

**Article 23: Budget**

**Article 23 : Du budget**

Ingengo y'imari yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The budget is approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Le budget est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 24: Umutungo wa REDEMI**

**Article 24: Property of REDEMI**

**Article 24 : Patrimoine de la REDEMI**

Umutungo wa REDEMI weguriwe OGMR.

The property of REDEMI is given to OGMR.

Le patrimoine de la REDEMI est transféré à OGMR.

**Ingingo ya 25: Ivanywaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

All previous legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 25 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 26: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 26 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali kuwa 27/06/2007

Kigali, on 27/06/2007

Kigali, le 27/06/2007

Perezida wa Repubulika  
**KAGAME Paul**  
(sé)

The President of the Republic  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Président de la République  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

Minisitiri w'Ubutaka, Idukikije, Amashyamba,  
Amazi na Mine  
**BAZIVAMO Christophe**  
(sé)

The Minister of Land, Environment, Forestry,  
Water and Mines  
**BAZIVAMO Christophe**  
(sé)

Le Ministre des Terres, de  
l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et  
des Mines  
**BAZIVAMO Christophe**  
(sé)

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amazi na  
Mine  
**Prof. MUNYANGANIZI Bikoro**  
(sé)

The Minister of State in charge of Water and  
Mines  
**Prof. MUNYANGANIZI Bikoro**  
(sé)

Le Secrétaire d'Etat chargé de l'Eau et des  
Mines  
**Prof. MUNYANGANIZI Bikoro**  
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi  
**MUSONI James**  
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning  
**MUSONI James**  
(sé)

Le Ministre des Finances et de la  
Planification Economique  
**MUSONI James**  
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

The Minister of Public Service and Labor  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique et du  
Travail  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika :**  
Minisitiri w'Ubutabera  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
The Minister of Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République :**  
Le Ministre de la Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**ITEGEKO N° 30/2007 RYO KUWA 06/07/2007  
RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE YA  
KOMISIYO Y'IGIHUGU  
Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigena**

**Ingingo ya 2: icyicaro cya Komisiyo**

**Ingingo ya 3 : Ubwigenge bwa Komisiyo n'igihe  
izamara**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO  
N'UBUBASHA BYA KOMISIYO**

**Ingingo ya 4 : Inshingano za Komisiyo**

**Ingingo ya 5: Porogaramu y'ibikorwa  
n'urwego Komisiyo iyishyikiriza**

**Ingingo ya 6: Inzego Komisiyo ishyikiriza  
raporo**

**LAW N° 30/2007 OF 06/07/2007  
DETERMINING THE ORGANIZATION  
AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL  
COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Scope of this Law**

**Article 2: Headquarters of the Commission**

**Article 3: Autonomy of the Commission and  
its duration**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND  
POWERS OF THE COMMISSION**

**Article 4: The responsibilities of the  
Commission**

**Article 5: Plan of action and organ to which  
the Commission submits it**

**Article 6: Organs to which the commission  
submits the report**

**LOI N° 30/2007 DU 06/07/2007 PORTANT  
ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT  
DE LA COMMISSION NATIONALE DES  
DROITS DE LA PERSONNE**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier : Champ d'application**

**Article 2: Siège de la Commission**

**Article 3: Autonomie et durée de la  
Commission**

**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS ET DES  
POUVOIRS DE LA COMMISSION**

**Article 4: Attributions de la Commission**

**Article 5: Programme d'activités et organe  
auquel il est soumis**

**Article 6: Organes auxquels la Commission  
soumet le rapport**

|  |  |   |
|--|--|---|
| <b><u>Ingingo ya 7:</u> Isakaza rya raporo ya Komisiyo</b>                     | <b><u>Article 7:</u> Publication of the Report of the Commission</b>                     | <b><u>Article 7:</u> Diffusion du rapport de la Commission</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 8:</u> Ishyirwaho ry'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo</b> | <b><u>Article 8:</u> Elaboration of Internal Rules and Regulations of the Commission</b> | <b><u>Article 8:</u> Elaboration du Règlement d'Ordre Intérieur de la Commission</b>                  |
| <b><u>Ingingo ya 9 :</u> Ububasha bwa Komisiyo</b>                             | <b><u>Article 9:</u> Powers of the Commission</b>  | <b><u>Article 9:</u> Pouvoirs de la Commission</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubwo kuregera Inkiko</b>  | <b><u>Article 10:</u> Powers of the Judicial Police and seizing courts</b>               | <b><u>Article 10:</u> Qualité d'officier de police judiciaire et pouvoir d'ester en justice</b>       |
| <b><u>UMUTWE WA III:</u> ABAGIZE KOMISIYO N'INZEGO ZAYO</b>                    | <b><u>CHAPTER III:</u> MEMBERS AND ORGANS OF THE COMMISSION</b>                          | <b><u>CHAPITRE III:</u> MEMBRES DE LA COMMISSION ET SES ORGANES</b>                                   |
| <b>Icyiciro cya mbere: Abakomiseri bagize Komisiyo</b>                         | <b>Section One: Commissioners of the Commission</b>                                      | <b>Section première: Commissaires de la Commission</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 11:</u> Umubare w'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje</b>  | <b><u>Article 11:</u> Number of the Commissioners and requirements</b>                   | <b><u>Article 11:</u> Le nombre des Commissaires et les conditions requises pour être Commissaire</b> |
| <b><u>Ingingo ya 12:</u> Uko Abakomiseri bashyirwaho na manda yabo</b>         | <b><u>Article 12:</u> Appointment of Commissioners and their term of office</b>          | <b><u>Article 12:</u> Nomination et mandat des Commissaires</b>                                       |
| <b><u>Ingingo ya 13:</u> Irahira ry'Abakomiseri</b>                            | <b><u>Article 13:</u> Taking oath by Commissioners</b>                                   | <b><u>Article 13:</u> Prestation de serment des Commissaires</b>                                      |
| <b><u>Ingingo ya 14:</u> Ibyerekeye ubudahangarwa bw'Abakomiseri</b>           | <b><u>Article 14:</u> Immunity of the Commissioners</b>                                  | <b><u>Article 14:</u> Immunité des Commissaires</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 15:</u> Ibigenerwa Abakomiseri</b>                            | <b><u>Article 15:</u> Benefits of Commissioners</b>                                      | <b><u>Article 15:</u> Avantages accordés aux Commissaires</b>   |

|  |  |  |
|--|--|--|
| <b><u>Ingingo ya 16:</u> Ibibujijwe ku Bakomiseri</b>                                      | <b><u>Article 16:</u> Restrictions to the Commissioners</b>  | <b><u>Article 16:</u> Restrictions aux Commissaires</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 17:</u> Uko Umukomiseri ava ku mirimo</b>                                 | <b><u>Article 17:</u> Reasons for removing a Commissioner from duty</b>                                      | <b><u>Article 17:</u> Perte de qualité de Commissaire</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 18:</u> Isimburwa ry'Umukomiseri</b>                                      | <b><u>Article 18:</u> Substitution of a Commissioner</b>   | <b><u>Article 18:</u> Remplacement d'un Commissaire</b>  |
| <b><u>Icyiciro cya 2:</u> Inzego za Komisiyo</b>   | <b><u>Icyiciro 2:</u> Organs of the Commission</b>   | <b><u>Section 2 :</u> Organes de la Commission</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 19:</u> Inzego z'ubuyobozi</b>  | <b><u>Article 19:</u> Administrative organs</b>  | <b><u>Article 19:</u> Organes administratifs</b>   |
| <b><u>Akicro ka mbere :</u> Inama y'Abakomiseri</b>  | <b><u>Subsection one:</u> Council of Commissioners</b>   | <b><u>Sous - section première :</u> Conseil des Commissaires</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 20:</u> Urwego rukuru rwa Komisiyo, uko ruterana n'ifatwa ry'ibyemezo</b> | <b><u>Article 20:</u> Supreme organ of the commission, its meeting modality and mode of taking decisions</b> | <b><u>Article 20:</u> Organe suprême de la Commission, modalités de réunion et de prise de décisions</b> |
| <b><u>Akicro ka 2:</u> Biro ya Komisiyo n'inshingano zayo</b>                              | <b><u>Section 2:</u> Bureau of the Commission and its duties</b>   | <b><u>Sous section 2 :</u> Bureau de la Commission et ses attributions</b>                               |
| <b><u>Ingingo ya 21:</u> Ubuyobozi bwa Komisiyo</b>  | <b><u>Article 21:</u> Management of the Commission</b>   | <b><u>Article 21:</u> Direction de la Commission</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano za Perezida wa Komisiyo</b>                            | <b><u>Article 22:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Commission</b>                              | <b><u>Article 22:</u> Attributions du Président de la Commission</b>                                     |
| <b><u>Ingingo ya 23 :</u> Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo</b>                      | <b><u>Article 23:</u> Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission</b>                         | <b><u>Article 23:</u> Attributions du Vice-Président de la Commission</b>                                |

**Ingingo ya 24** : Uko inama y'Abakomiseri itumizwa n'uko iyoborwa iyo Perezida na Visi-Perezida badahari

**Article 24**: Convening of the meeting of Commissioners and how it is chaired in absence of the Chairperson and the Vice Chairperson

**Article 24**: Modalités de convocation et de direction de la réunion des Commissaires en cas d'absence simultanée du Président et du Vice-Président .

**UMUTWE WA IV: ABAKOZI N'INGENGO Y'IMARI BYA KOMISIYO**

**CHAPTER IV: PERSONNEL AND BUDGET OF THE COMMISSION**

**CHAPITRE IV: PERSONNEL ET BUDGET DE LA COMMISSION**

**Ingingo ya 25**: Abakozi bunganira Komisiyo

**Article 25**: Support staff of the Commission

**Article 25**: Personnel d'appui de la Commission

**Ingingo ya 26**: Ibigize umutungo wa Komisiyo n'aho ukomoka

**Article 26**: Patrimony of the Commission and its source

**Article 26**: Composition et source du patrimoine de la Commission

**Ingingo ya 27**: Itegurwa ry'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari

**Article 27**: Preparation of the draft budget

**Article 27**: Elaboration de l'avant-projet de budget

**Ingingo ya 28**: Igenzurwa ry'umutungo wa Komisiyo

**Article 28**: Audit of the Patrimony of the Commission

**Article 28**: Audit du patrimoine de la Commission

**UMUTWE WA V: IBIHANO**

**CHAPTER V: PENALTIES**

**CHAPITRE V : SANCTIONS**

**Ingingo ya 29**: Ibihano bihabwa ubangamiye inshingano n'ububasha bya Komisiyo

**Article 29**: Penalties given to a person who jeopardizes the responsibilities and powers of the Commission.

**Articles 29**: Sanctions encourues par celui qui entrave la Commission dans l'exercice de ses attributions et pouvoirs

**Ingingo ya 30** : Igihe giteganyijwe ku bikurikiranwa na Komisiyo

**Article 30**: No prescription for the cases prosecuted by Commission

**Article 30**: Non prescription des cas poursuivis par la Commission

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE  
N'IZISOZA**

**Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'ingingo  
z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 32 : Igihe itegeko ritangira  
gukurikizwa**

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND  
FINAL PROVISIONS**

**Article 31: Abrogating provisions**

**Article 32: Coming into force of the law**

**CHAPTRE VI: DES DISPOSITIONS  
DIVERSES ET FINALES**

**Article 31: Dispositions abrogatoires**

**Article 32: Entrée en vigueur de la loi**

**ITEGEKO N° 30/2007 RYO KUWA 06/07/2007  
RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE YA  
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA  
BWA MUNTU**

**LAW N° 30/2007 OF 06/07/2007  
DETERMINING THE ORGANIZATION  
AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL  
COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS**

**LOI N° 30/2007 DU 06/07/2007 PORTANT  
ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT  
DE LA COMMISSION NATIONALE DES  
DROITS DE LA PERSONNE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI  
YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL  
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA.**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA  
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE  
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT :**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 6  
Kamena 2007;

The Chamber of Deputies, in its session of June  
6, 2007;

La Chambre des Députés, en sa séance du 6 juin  
2007;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 19  
Werurwe 2007;

The Senate, in its session of March 19, 2007 ;

Le Sénat, en sa séance du 19 mars 2007;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u  
Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 nk'uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo, kuva ku ya 9 kugeza ku ya 51, iya 61, iya 62,  
iya 66, iya 67, iya 88, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95,  
iya 108, iya 113, iya 118, iya 177 n'iya 201;

Given the Constitution of the Republic of  
Rwanda of June 4, 2003, as amended to date,  
especially in articles 9 to 51, 61, 62, 66, 67, 88,  
90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 177 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda  
du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour,  
spécialement en ses articles 9 à 51, 61, 62, 66,  
67, 88, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 177 et 201 ;

Isubiye ku Itegeko n° 04/99 ryo kuwa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwanuntu, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Imaze kubona ko u Rwanda rwaranzwe mbere y'umwaka wa 1994, n'Ubutegetsi buhohotera uburenganzira bwa Muntu n'umuco wo kudahana kugeza n'aho bibayeye jenoside ubu hakaba harafashwe ingamba ngo ayo mahano atazongera;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigena**

Iri tegeko rigena imiterere n'imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yitwa "Komisiyo" mu ngingo zikurikira.

**Ingingo ya 2: Icyicaro cya Komisiyo**

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Revisited Law n° 04/99 of March 12, 1999 establishing the National Commission for Human Rights as modified and complemented to date;

Given that Rwanda was, before the year 1994, characterised by regimes that massively violated Human Rights and the culture of impunity that culminated into genocide, and that measures were taken in order not for such a tragedy to happen again;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Scope of this law**

This Law determines the organization and functioning of the National Commission for Human Rights, referred to as the "Commission", in the following provisions.

**Article 2: Headquarters of the Commission**

The headquarters of the Commission is established in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if considered necessary.

Revu la Loi n° 04/99 du 12 mars 1999 portant création de la Commission Nationale des Droits de l'Homme telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Considérant que le Rwanda a connu avant l'an 1994 des régimes caractérisés par des violations massives des Droits de la Personne et une culture de l'impunité ayant abouti au génocide, et que maintenant les mesures pour prévenir lesdites atrocités ont été prises;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Champ d'application**

La présente loi détermine l'organisation et le fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne, ci-après dénommée «Commission».

**Article 2: Siège de la Commission**

Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 3 : Ubwigenge bwa Komisiyo n'igihe izamara**

Komisiyo irigenga kandi ihoraho.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO**

**Ingingo ya 4 : Inshingano za Komisiyo**

Komisiyo ifite inshingano rusange zo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Mu nshingano zihariye zayo hari:

- 1° kwigisha no gukangurira abaturage ibyerekeye uburenganzira bwa muntu;
- 2° gusuzuma ihungabanywa ry'uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda rikozwe n'inzego za Leta, abantu bitwaje imirimo ya Leta bashinzwe, amashyirahamwe n'abantu ku giti cyabo;
- 3° gukora iperereza ku ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu no kurengera inkiko zibishinzwe;
- 4° gufatanya n'izindi nzego gushyiraho ingamba zo gukumira ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu;

**Article 3: Autonomy of the Commission and its duration**

The Commission is independent and permanent.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE COMMISSION**

**Article 4: Responsibilities of the Commission**

The Commission has the general responsibility of promoting and defending human rights.

Its special responsibilities include the following:

- 1° educating and mobilizing the population on matters relating to human rights;
- 2° examining the violations of human rights committed within the territory of the Republic of Rwanda by State organs, public officials using their duties as cover, organizations and individuals;
- 3° carrying out investigations of human rights abuses in Rwanda and filing complaints with
- 4° competent courts;
- 5° collaborating with other organs in designing strategies to prevent violations of human rights;

**Article 3: Autonomie et durée de la Commission**

La Commission est indépendante et permanente.

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DE LA COMMISSION**

**Article 4: Attributions de la Commission**

La Commission a pour mission générale de promouvoir et de protéger les droits de la Personne.

La Commission est en particulier chargée de :

- 1° éduquer et sensibiliser la population aux droits de la personne;
- 2° examiner les violations des droits de la personne commises sur le territoire du Rwanda par des organes de l'Etat, des personnes agissant sous le couvert de l'Etat, des organisations et des individus;
- 3° faire des investigations sur des violations des droits de la personne et saisir les juridictions compétentes;
- 4° collaborer avec d'autres organes à définir les stratégies de prévention de violation des droits de la personne ;

5° bitabangamiye ubwigenge bwa Komisiyo, gutanga ibitekerezo kuri raporo zikorwa ku Rwanda ku burenganzira bwa Muntu;

6° gukora no gusakaza raporo, ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa;

7° gutanga ibitekerezo, ibisabwe cyangwa ibyibwirije, ku mishinga y'amategeko yerekeye uburenganzira bwa Muntu;

8° gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza Amasezerano Mpuzamahanga yita ku burenganzira bwa Muntu no kuyinjiza mu mategeko igihugu kigenderaho;

9° gusura ahafungiyeho abantu no kureba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa;

10° kugaragariza inzego za Leta zibishinzwe ibyakorwa igihe hari ihohoterwa ryakozwe kugira ngo rikosorwe kandi rihanwe hakurikijwe amategeko;

6° reacting to reports on human rights in Rwanda subject to the independence of the Commission;

7° preparing and disseminating reports on human rights conditions in Rwanda on a yearly basis and any time as deemed necessary ;

8° providing views on bills relating to human rights upon request or at its own initiative;

9° sensitizing relevant Government Institutions as regards ratification of International Conventions relating to human rights and integrating them in existing internal laws;

10° carrying out visits to places of detention to check whether the rights of detainees are being respected;

11° providing relevant Government Institutions with suggestions as to action which may be taken in case of human rights violations for their rectification and punishment in accordance with the law;

5° sous réserve de l'indépendance de la Commission, réagir sur les rapports sur le Rwanda relatifs aux droits de la personne ;

6° établir et diffuser largement chaque année et aussi souvent que nécessaire des rapports sur l'état des droits de la personne au Rwanda;

7° donner des avis, sur demande ou de son initiative, sur les projets de lois relatifs aux droits de la personne;

8° inciter les organes compétents de l'Etat à ratifier les conventions internationales relatives aux droits de la personne et à les intégrer dans l'ordre juridique interne;

9° visiter les lieux de détention et s'assurer que les droits des personnes détenues sont respectés;

10° indiquer aux organes compétents de l'Etat les mesures à prendre en cas de violations des droits de la personne en vue d'y remédier et de les réprimer conformément à la loi;

11° gufatanya na Komisiyo z'ibindi bihugu zishinzwe uburenganzira bwa Muntu, amashyirahamwe akorera mu gihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu bikorwa byo kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa Muntu;

12° gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe gutangira ku gihe raporo ku Masezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeje.

**Ingingo ya 5: Porogaramu y'ibikorwa n'urwego Komisiyo iyishyikiriza**

Komisiyo ishyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko, ikagera kopi Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga, porogaramu y'ibikorwa mbere y'itangira ry'igihembwe kigenewe kwiga ingengo y'imari.

**Ingingo ya 6: Inzego Komisiyo ishyikiriza raporo**

Komisiyo ishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko raporo y'ibikorwa byayo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) ya mbere y'umwaka ukurikiyeho, ikagera kopi Perezida wa Repubulika, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga.

12° collaborating with Human Rights Commissions of other countries, national associations and International Organizations as regards activities aiming at respecting and promoting human rights;

13° sensitizing relevant Government Institutions as regards submission on time the reports relating to International Conventions on Human Rights ratified by Rwanda.

**Article 5: Plan of action and the organ to which the commission submits it**

The Commission shall submit an annual plan of action to Parliament before the session meant for examination of the budget begins and reserve a copy thereof to the President of the Republic, the Cabinet and the Supreme Court.

**Article 6: Organs to which the commission submits the report**

The Commission shall submit its activity report in a period not exceeding the first three (3) months of the following year and reserve a copy to the President of the Republic, the Cabinet and the Supreme Court.

11° collaborer avec les Commissions chargées des droits de la personne des autres pays, les associations nationales et les organisations internationales oeuvrant dans les activités de protection et de promotion des droits de la personne;

12° inciter les organes compétents de l'Etat à soumettre à temps les rapports sur les conventions internationales et régionales ratifiées par le Rwanda.

**Article 5: Programme d'activités et organe auquel il est soumis**

La Commission présente chaque année au Parlement son programme d'activités avant l'ouverture de la session consacrée à l'examen du budget et réserve copie au Président de la République, au Gouvernement et à la Cour Suprême.

**Article 6: Organes auxquels la Commission soumet le rapport**

La Commission soumet au Parlement son rapport d'activités dans un délai ne dépassant pas les trois (3) premiers mois de l'exercice suivant et réserve copie au Président de la République, au Gouvernement et à la Cour Suprême.

Komisiyo ishyikiriza kandi Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga raporo zihariye ku bikorwa byose yamenye biciye mu maperereza cyangwa ku bushakashatsi bwayo ku bibazo bihohotera cyangwa bihutaza uburenganzira bwa Muntu n'ibigira ingaruka mbi kuri ubwo burenganzira hashingiwe ku nshingano Komisiyo ihabwa n'iri Tegeko.

**Ingingo ya 7: Isakaza rya raporo ya Komisiyo**

Komisiyo isakaza raporo yayo y'umwaka imaze kuyishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko.

**Ingingo ya 8: Ishyirwaho ry'amategeko ngengamikorere ya Komisiyo**

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Komisiyo yishyiriraho amategeko ngengamikorere atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 9 : Ububasha bwa Komisiyo**

Kugira ngo inshingano zivugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko zigerweho, Komisiyo ifite ububasha

The Commission shall also submit to the President of the Republic, the Parliament, the Cabinet and the Supreme Court each year special reports on violations of human rights it acknowledges through investigations or research on human rights violations and those with side effects on such rights in accordance with responsibilities conferred on it by this Law.

**Article 7: Publication of the Report of the Commission**

The Commission shall disseminate its annual report subsequent to its submission to Parliament.

**Article 8: Setting up of the Internal Rules and Regulations of the Commission**

Subject to this law, the Commission shall institute its own rules and regulations which shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 9: Powers of the Commission**

To achieve the objectives referred to in article 4 of this law, the Commission shall have the

La Commission soumet également au Président de la République, au Parlement, au Gouvernement et à la Cour Suprême des rapports spéciaux de tous les actes portant violation des droits de la personne portés à sa connaissance grâce à ses enquêtes ou à ses recherches pour les questions relatives à la violation ou au respect des droits de la personne ainsi qu'à celles influant négativement sur ces droits conformément aux attributions de la Commission définies par la présente Loi.

**Article 7: Diffusion du rapport de la Commission**

La Commission diffuse largement son rapport annuel après l'avoir présenté au Parlement.

**Article 8: Elaboration du Règlement d'Ordre Intérieur de la Commission**

Sous réserve des dispositions de la présente Loi, la Commission élabore son Règlement d'Ordre Intérieur devant être publié au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 9: Pouvoirs de la Commission**

Pour atteindre les objectifs visés à l'article 4 de la présente Loi, la Commission a les pouvoirs ci-après :

bukurikira:

- 1° kwakira no gusuzuma ubuhamywa bwerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bwa Muntu;
- 2° kugera aho ari ho hose hakekwa cyangwa havugwa ihohoterwa ry'uburenganzira bwa Muntu, harimo n'ahafungiwe abantu kugira ngo ihakorere iperereza;
- 3° kwegera, kubaza no gusobanuzwa ukekwa kuba afite ubuhamywa, amakuru, uruhare n'ubuhanga bishobora gufasha Komisiyo mu gusesengura no kwegeranya ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa Muntu;
- 4° kwerekwa inyandiko, kwemererwa kuzisomera aho ziri, cyangwa se guhabwa kopi zazo no guhabwa ibintu byakenerwa na Komisiyo mu gusesengura no kwegeranya ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa Muntu. Inyandiko cyangwa ibintu Komisiyo ihawe bisubizwa ba nyirabyo cyangwa inzego zishinzwe kubikurikirana mu gihe kitarenze amezi atatu (3);
- 5° gusaba inzego zibishinzwe kurenganura nta mananiza uwo ari we wese Komisiyo yasanze bigaragara ko uburenganzira bwe bwahohotewe;

following powers:

- 1° to receive and analyse testimonies relating to human rights violations;
- 2° to get to any place where human rights violations are reported and alleged including detention premises for investigation;
- 3° to reach, question and seek explanations from anybody likely to have testimony, information, responsibility and technicality likely to enlighten the Commission in analysing and collecting human rights violation acts;
- 4° to get access to documents, read through them from where they are or get their copies as well as any other evidence likely to help the Commission analyse and collect elements of evidence of human rights violation. Documents or any other material given to the Commission shall be returned to the owners or relevant monitoring organs in a period not exceeding three (3) months;
- 5° to request relevant organs to render justice unconditionally to any victim the Commission finds his or her rights violated;

- 1° recevoir et examiner les témoignages sur les violations des droits de la personne;
- 2° avoir accès pour investigation à tout lieu où les violations des droits de la personne sont signalées notamment les lieux de détention;
- 3° approcher, questionner et requérir des explications de tout individu susceptible d'avoir quelque témoignage, information, responsabilité et expertise de nature à éclairer la Commission dans l'examen et la collecte des éléments de preuve de violation des droits de la personne;
- 4° avoir accès aux documents, les consulter sur place ou en obtenir les copies ainsi que toute autre pièce de nature à aider la Commission dans l'analyse et la collecte des éléments de preuve de violation des droits de la personne. Les écrits ou pièces remis à la Commission doivent être restitués à leurs propriétaires ou aux organes de suivi compétents endéans trois mois;
- 5° demander aux organes compétents de rétablir dans ses droits sans entraves toute personne à l'égard de laquelle la Commission constate la violation de droits;

6° gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wakoze ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa Muntu;

7° kuregera inkiko ku bibazo bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa Muntu;

8° gukora ubushakashatsi ku bibazo bidasanze no gutangaza ibivuyemo hagamiye guteza imbere uburenganzira bwa Muntu.

**Ingingo ya 10: Ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubwo kuregera Inkiko**

Abakomiseri bafite ububasha bw'ubugenzacyaha buhoraho ku ifasi yose y'u Rwanda igihe bari mu mirimo yabo.

Iyo bibaye ngombwa, umukozi wa Komisiyo ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha abisabiwe na Perezida wa Komisiyo mu nzego zibishinzwe.

Komisiyo ifite ububasha bwo kuregera inkiko mu manza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iyo habaye ihungabana ry'uburenganzira bwa Muntu buteganywa n'Itegeko Nshinga, Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeje n'andi mategeko. Muri urwo rwego, Komisiyo ishobora guhagararirwa n'intumwa za Leta cyangwa abavoka yihitiyemo.

6° to request for prosecution of any person in judicial organs who commits any act of human rights violations;

7° to seize the courts with the claims relating to human rights violations;

8° to carry out research on extra ordinary issues with a view to promoting human rights and publish the findings.

**Article 10: Powers of the Judicial Police and seizing courts**

Commissioners shall have permanent judicial police powers in the entire territory of Rwanda while discharging their duties.

If considered necessary, a member of staff of the Commission shall be given judicial police powers upon request from relevant authorities by the Chairperson of the Commission.

The Commission shall have powers to seize civil, commercial, labour and administrative courts in case of violation of human rights as provided by the Constitution, international conventions ratified by Rwanda and other laws. In that regard, the Commission may be represented by state attorneys or Lawyers of its own choice.

6° requérir des poursuites judiciaires contre toute personne ayant commis les actes de violation des droits de la personne;

7° saisir les juridictions pour les cas de violation des droits de la personne;

8° faire des recherches sur les questions particulières et en publier les résultats en vue de promouvoir les droits de la personne.

**Article 10: Qualité d'officier de police judiciaire et pouvoir d'ester en justice**

Les Commissaires ont, dans leurs fonctions, la qualité permanente d'Officier de Police Judiciaire sur tout le territoire de la République du Rwanda.

Un agent de la Commission peut, en cas de nécessité, être investi de la qualité d'Officier de Police Judiciaire par les autorités compétentes sur proposition du Président de la Commission.

La Commission a le pouvoir de saisir les juridictions pour les affaires civiles, commerciales, sociales et administratives en cas de violation des droits de la personne prévues par la Constitution, les accords internationaux ratifiés par le Rwanda ainsi que les autres lois. A cet effet, la Commission peut se faire représenter par les mandataires de l'Etat ou les avocats de son choix.

Mu gukoresha ububasha bwayo, Komisiyo yubahiriza amategeko Igihugu kigenderaho itabangamiye inshingano z'izindi nzego kandi ibukoresha hahungabanye inyungu rusange n'iz'umuntu ku giti cye cyangwa izindi nzego zibishinzwe zanze gukora ibyo zisabwa n'amategeko.

While exercising its powers, the Commission shall respect the Rwandan laws without prejudice to attributions of other institutions, and it shall employ such powers in case of violation of public and individual interests or if other relevant institutions fail to fulfil the requirements as required by laws.

Dans l'exercice de ses pouvoirs, la Commission doit veiller au respect des lois en vigueur dans le pays sans préjudice des attributions d'autres institutions, et exerce ces pouvoirs en cas de violations relatives à l'intérêt général et individuel, ou lorsque les institutions habilitées n'ont pas agi conformément aux lois qui les régissent.

### **UMUTWE WA III: ABAGIZE KOMISIYO N'INZEGO ZAYO**

### **CHAPTER III: MEMBERS AND ORGANS OF THE COMMISSION**

### **CHAPITRE III: MEMBRES DE LA COMMISSION ET SES ORGANES**

**Icyiciro cya mbere: Abakomiseri bagize Komisiyo**

**Section One: Commissioners of the Commission**

**Section première: Commissaires de la Commission**

**Ingingo ya 11: Umubare w'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje**

**Article 11: Number of the Commissioners and requirements**

**Article 11: Nombre des Commissaires et conditions requises pour être Commissaire**

Komisiyo igizwe n'Abakomiseri barindwi (7).

The Commission comprises seven (7) commissioners.

La Commission est composée de sept (7) Commissaires.

Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

For a person to be a commissioner, he or she shall fulfil the following:

Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes :

- 1° kuba ari Umunyarwanda ;
- 2° kuba ari inyangamugayo;
- 3° kuba adakurikiranyweho icyaha cya jenocide;
- 4° kuba atagaragaraho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;

- 1° be a Rwandan;
- 2° be a person of integrity;
- 3° not to be prosecuted for the crime of genocide;
- 4° not to be characterised by genocide ideology;

- 1° être de nationalité rwandaise ;
- 2° être intègre;
- 3° ne pas être poursuivi pour crime de génocide ;
- 4° ne pas faire montre d'indices d'idéologie du génocide ;

- 5° kuba ari inararibonye mu miyoborere cyangwa yarabaye umuyobozi;
- 6° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 7° kuba afite ubushobozi n'ubushishozi mu mirimo asabwa.

**Ingingo ya 12: Uko Abakomiseri bashyirwaho na manda yabo**

Guverinoma ishyikiriza Sena Imishinga y'Amateka ya Perezida ashiraho Abakomiseri kugira ngo Sena ibemeze. Abakomiseri bemejwe na Sena bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.

Manda y'Abakomiseri ni imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Muri icyo manda Abakomiseri bakora ku buryo buhoraho.

- 5° be experienced in administration or was once an administrator;
- 6° not to have been definitively sentenced to a sentence equal to or exceeding six (6) months without suspension of sentence;
- 7° to have capacity and wisdom in the duties assigned to him or her.

**Article 12: Appointment of Commissioners and their term of office**

The Cabinet shall submit draft Presidential Orders appointing commissioners in order for the Senate to approve them. Commissioners approved by the Senate shall be appointed by a Presidential Order.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Commission shall be women.

The term of office of the commissioners is four (4) years, which may be renewed only once in a manner provided for in paragraph One of this article. In such a term of office, commissioners shall be employed on a permanent basis.

- 5° avoir l'expérience dans l'administration ou avoir occupé un poste de direction ;
- 6° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis ;
- 7° faire preuve de compétence et de discernement.

**Article 12: Nomination et mandat des Commissaires**

Le Gouvernement soumet au Sénat les projets d'Arrêtés Présidentiels portant nomination des Commissaires pour leur approbation. Les membres de la Commission approuvés par le Sénat sont nommés par Arrêté Présidentiel.

Au moins trente pour cent (30%) des Commissaires sont de sexe féminin.

Les Commissaires ont un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois dans les conditions prévues à l'alinéa premier du présent article. Au cours de ce mandat, les membres de la Commission exercent leurs attributions de façon permanente.

**Ingingo ya 13: Irahira ry'Abakomiseri**

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Abakomiseri barahirira imbere y'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa n'ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga.

**Ingingo ya 14: Ibyerekeye ubudahangarwa bw'Abakomiseri**

Abakomiseri ntibashobora gukurikiranwa mu nkiko kubera ibitekerezo bagaragaje cyangwa batangaje bashingye ku nshingano zabo.

Abakomiseri ntibashobora gufungwa by'agategenyo keretse iyo bafatiwe mu cyuho bakora icyaha giteganirijwe igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) cyangwa kubera izindi mpamvu zikomeye byemejwe n'Urukiko rubifitiye ububasha bwo kuburanisha urubanza mu mizi yarwo yose. Uko kudahangarwa kugarukira gusa ku byaha bakoze bari mu mirimo yabo cyangwa biturutse kuri iyo mirimo.

**Ingingo ya 15: Ibigererwa Abakomiseri**

Ibigererwa Abakomiseri bari mu mirimo n'ibigererwa Abakomiseri barangije manda bishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

**Article 13: Taking oath of Commissioners**

Before assuming their duties, Commissioners shall, before the Supreme Court, take oath which is prescribed by article 61 of the Constitution.

**Article 14: Immunity of the Commissioners**

Commissioners shall not be prosecuted before courts due to their views expressed or published on the basis of their responsibilities.

Commissioners shall not be provisionally detained, unless they are caught red handed committing an offence whose penalty exceeds a five (5) year imprisonment, or under other serious causes upon approval by a court which is competent to hear cases on merit. The immunity shall cover only offences committed while in their duties or those related to their duties.

**Article 15: Benefits of Commissioners**

A Presidential Order shall determine the benefits to be given to the Commissioners who are on duty and those who have completed their term of office.

**Article 13: Prestation de serment des Commissaires**

Avant d'entrer dans leurs fonctions, les Commissaires prêtent le serment prévu par l'article 61 de la Constitution devant la Cour Suprême.

**Article 14: Immunité des Commissaires**

Les Commissaires ne peuvent être poursuivis en justice pour leurs opinions émises ou publiées dans l'accomplissement de leurs fonctions.

Les Commissaires ne peuvent faire l'objet de détention préventive sauf en cas de flagrant délit pour une infraction punie d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans, ou pour d'autres motifs graves, sur décision de la juridiction compétente. Cette immunité ne se limite qu'aux infractions commises dans l'exercice de leurs fonctions ou à l'occasion de leur exercice.

**Article 15: Avantages accordés aux Commissaires**

Les appointements accordés aux Commissaires en fonction et à ceux dont le mandat a expiré sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

**Ingingo ya 16: Ibibujijwe ku bakomiseri**

Abakomiseri ntibemerewe gukora akandi kazi bahemberwa. icyakora, bashobora gukora imirimo yerekeye ubushakashatsi bujyanye n'inshingano zabo, ubuvanganzo n'ubugeni, mu gihe bitabangamiye imirimo ya Komisiyo kandi byemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

**Ingingo ya 17: Uko Umukomiseri ava ku mirimo**

Umukomiseri ava muri uwo mwanya icyo:

- 1° manda irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° avanwe ku mirimo n'urwego rwamushyizeho;
- 4° ananiwe inshingano ze bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'Akanama k'abaganga kashyizweho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;
- 5° arangwaho imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 6° ahutaza uburenganzira bwa muntu;
- 7° atujuje ibyashyirahwe bamushyiraho;

**Article 16: Restrictions to the Commissioners**

Commissioners are not allowed to perform any other remunerated work. However, they may perform research activities relating to their duties, literature and art provided they are not incompatible with the activities of the Commission and upon approval by the Council of Commissioners.

**Article 17: Reasons for removing a Commissioner from duty**

A Commissioner shall leave such an office if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he or she resigns in writing;
- 3° he or she is removed from office by the organ that appointed him or her;
- 4° he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability certified by a panel of medical doctors chosen by the Minister in charge of health;
- 5° he or she is characterised by behaviour that is contrary to his or her responsibilities;
- 6° he or she violates human rights;
- 7° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;

**Article 16: Restrictions aux Commissaires**

Il est interdit aux Commissaires d'exercer d'autres fonctions rémunérées. Toutefois, ils peuvent faire des travaux relatifs à la recherche, à la littérature ou à l'art, au cas où la mission de la Commission n'en est pas affectée et sur approbation du Conseil des Commissaires.

**Article 17: Perte de qualité de Commissaire**

La cessation des fonctions d'un ou de plusieurs Commissaires intervient dans les cas suivants :

- 1° expiration du mandat ;
- 2° démission par notification écrite ;
- 3° révocation par l'autorité de nomination ;
- 4° défaut de remplir sa mission suite à une maladie ou incapacité attestée par une Commission médicale nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions ;
- 5° comportements incompatibles avec ses attributions;
- 6° violations de droits de la personne;
- 7° constat qu'il ne remplit plus les conditions requises pour lesquelles il avait été nommé ;

8° abangamiye inyungu za Komisiyo;

9° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

10° apfuye.

Ukwegura k'umwe mu Bakomiseri kugezwa kuri Perezida wa Repubulika mu ibaruwa ishinganye cyangwa ifite icyemezo cy'iyakira. Iyo iminsi mironko itatu (30) irangiye nta gisubizo, ukwegura gufatwa nk'aho kwemewe.

### **Ingingo ya 18: Isimburwa ry'Umukomiseri**

Iyo umwe mu Bakomiseri ahagaritse imirimo, yeguye, ahamagariwe indi mirimo cyangwa avuyemo ku zindi mpamvu, Perezida wa Komisiyo amenyesha Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) ko umubare w'Abakomiseri utuzuye.

Guverinoma yoherereza Sena mu gihe kitarenze amezi atatu (3) amazina y'abantu bujuje ibyangombwa bivugwa mu ingingo ya 11 y'iri Tegeko, kuri buri mwanya ukenewe gushyirwaho umuntu.

8° he or she jeopardises the interests of the Commission;

9° he or she is definitively convicted of an imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of sentence;

10° he or she dies.

The resignation of one of the Commissioners shall be tendered to the President of the Republic through a recommended letter or with an acknowledgment of receipt. If a period of thirty (30) days elapses with no response, the resignation shall be considered as approved.

### **Article 18: Replacement of a Commissioner**

In case one of the Commissioners ceases to carry out his or her functions, resigns, is appointed to other duties or leaves due to any other grounds, the Chairperson of the Commission shall notify the President of the Republic, the Parliament and the Cabinet of the drop in the number of Commissioners in a period not exceeding eight (8) days.

The Cabinet shall submit to the Senate, within a period not exceeding three (3) months, names of candidates who fulfil requirements referred to in article 11 of this law, for every vacant post.

8° agissement contre les intérêts de la Commission ;

9° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois sans sursis.

10° décès.

La démission d'un des Commissaire est présentée au Président de la République par lettre recommandée ou avec accusé de réception. Passé le délai de trente (30) jours sans suite, la démission est réputée acceptée.

### **Article 18: Remplacement d'un Commissaire**

En cas de cessation de fonctions, de démission, d'occupation de nouvelles fonctions ou d'arrêt d'emploi pour des raisons diverses d'un des Commissaires, le Président de la Commission informe le Président de la République, le Parlement et le Gouvernement de la réduction du nombre de Commissaires dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours.

Le Gouvernement propose au Sénat, dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois, les noms des candidats qui remplissent les conditions requises à l'article 11 de la présente loi, pour tout poste vacant.

Ariko iyo umubare w'Abakomiseri ugiye munsu ya bane (4), mu munsu itarenze mirongo itandatu (60) ugomba kuba wujjwe.

Iyo umwe mu bagize Inama ya Komisiyo avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.

## **Icyiciro cya 2: Inzego za Komisiyo**

### **Ingingo ya 19: Inzego z'ubuyobozi**

Inzego z'ubuyobozi ni izi zikurikira:

- 1° Inama y'Abakomiseri;
- 2° Biro ya Komisiyo.

### **Akiciro ka mbere : Inama y'Abakomiseri**

### **Ingingo ya 20: Urwego rukuru rwa Komisiyo, uko ruterana n'ifatwa ry'ibyemezo byarwo**

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo.

However, where the number of Commissioners is less than four (4), it shall be completed within a period of sixty (60) days.

In case a member of the Council of Commissioners leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authorities shall appoint his or her substitute. The appointee shall complete the remaining term of office.

## **Icyiciro 2: Organs of the Commission**

### **Article 19: Administrative organs**

The administrative organs are as follows:

- 1° the Council of Commissioners;
- 2° the Bureau of the Commission.

### **Subsection one: Council of Commissioners**

### **Article 20: Supreme organ of the Commission, its meeting modality and mode of taking decisions**

The Council of Commissioners is the supreme organ of the Commission.

Toutefois, lorsque le nombre des Commissaires est inférieur à quatre (4), il est comblé dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours.

Si un membre du Conseil des Commissaires perd sa qualité de membre avant l'expiration du mandat, l'autorité de nomination désigne le remplaçant. Celui-ci termine le mandat de celui qu'il a remplacé.

## **Section 2 : Organes de la Commission**

### **Article 19: Organes administratifs**

La Commission dispose des organes administratifs suivants :

- 1° Le Conseil des Commissaires ;
- 2° Le Bureau de la Commission.

### **Sous - section première : Conseil des Commissaires**

### **Article 20: Organe suprême de la Commission, modalité de réunion et de prise de décisions**

Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la Commission.

Iterana nibura iyo habonetse bane (4) mu bayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwo bwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize. icyakora ibyemezo birebana na raporo za Komisiyo n'ibindi byemezo bishyikirizwa izindi nzego, bifatwa ku bwumvikane busesuye.

**Akiciro ka 2: Biro ya Komisiyo n'inshingano zayo**

**Ingingo ya 21: Ubuyobozi bwa Komisiyo**

Komisiyo iyoborwa na Perezida akunganirwa na Visi-Perezida. Bombi bagize Biro ya Komisiyo.

Perezida na Visi-Perezida batoranywa na Guverinoma mu Bakomiseri, bakemezwa na Sena.

**Ingingo ya 22: Inshingano za Perezida wa Komisiyo**

Perezida wa Komisiyo ashinzwe:

1° gutumiza no kuyobora inama z'abayigize Komisiyo;

The Council of Commissioners shall meet in the presence of at least four (4) of its members. Its decisions shall be taken by consensus of its members. Failure to obtain such consensus, the decisions shall be taken on the absolute majority vote of its members. However, decisions relating to reports of the Commission and other decisions submitted to other organs shall be taken by consensus.

**Subsection 2: Bureau of the Commission and its duties**

**Article 21: Management of the Commission**

The Commission shall be headed by its Chairperson, assisted by the Vice Chairperson. Both of them shall be members of the Bureau of the Commission.

The Chairperson and Vice Chairperson are chosen by the Cabinet from among Commission members and approved by the Senate.

**Article 22: Responsibilities of the Chairperson of the Commission**

The Chairperson of the Commission is responsible for:

1° convening and presiding over Commission

Le Conseil des Commissaires se réunit si au moins quatre (4) de ses membres sont présents. Ses décisions sont prises par consensus. A défaut du consensus, ses décisions sont prises à la majorité absolue de ses membres. Toutefois lorsqu'il s'agit de se prononcer sur un rapport de la Commission ou sur les décisions à soumettre à d'autres organes, les décisions sont prises par consensus.

**Sous -section 2 : Bureau de la Commission et ses attributions**

**Article 21: Direction de la Commission**

La Commission est dirigée par son Président, assisté d'un Vice-Président. Ils composent tous deux le Bureau de la Commission.

Le Président et le Vice-président sont choisis par le Gouvernement parmi les Commissaires et confirmés par le Sénat.

**Article 22: Attributions du Président de la Commission**

Le Président de la Commission a les attributions suivantes :

1° convoquer et présider aux réunions de la Commission;

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 2° guhuza ibikorwa bya Komisiyo;  | meetings;   | 2° coordonner les activités de la Commission;  |
| 3° guhagararira Komisiyo mu gihugu no mu mahanga;                               | 2° coordinating the Commission's activities;  | 3° représenter la Commission à l'intérieur et à l'extérieur du pays;   |
| 4° kuba umuvugizi wa Komisiyo;  | 3° representing the Commission inside and outside the country;                                    | 4° être le porte-parole de la Commission ;   |
| 5° gushyikiriza raporo za Komisiyo inzego zabigenewe;                           | 4° serving as the spokesperson for the Commission;  | 5° transmettre les rapports de la Commission aux organes compétents;   |
| 6° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano zayo. | 5° submitting the Commission's reports to the relevant institutions;                              | 6° exécuter toute autre tâche entrant dans les attributions du Conseil des Commissaires. qui lui serait confiée par ce dernier . |
|   | 6° performing such other duties as may be assigned to him or her by the Council of Commissioners. |  |

**Ingingo ya 23 : Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo**

Visi-Perezida wa Komisiyo ashinzwe:

- 1° kuba Umwanditsi w'inama y'Inama y'Abakomiseri;
- 2° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari ;
- 3° gukurikirana buri muni by'umwihariko ibijyanye n'ubutegetsi n'imari;
- 4° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za Komisiyo.

**Article 23: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission**

The Deputy Chairperson of the Commission is responsible for:

- 1° serving as a the Rapporteur for the meetings of the Council of Commissioners;
- 2° assisting and deputizing for the Chairperson in case of his or her absence;
- 3° carrying out a daily follow-up especially on the administrative and financial matters;
- 4° performing such other duties as may be assigned to him or her by the Council of Commissioners relating to the responsibilities of Commission.

**Article 23: Attributions du Vice-Président de la Commission**

Le Vice-Président de la Commission a les attributions suivantes :

- 1° servir de rapporteur aux réunions du Conseil des Commissaires ;
- 2° assister le Président dans ses fonctions et le remplacer en cas d'absence ou d'empêchement ;
- 3° assurer spécialement le suivi quotidien de la gestion administrative et financière;
- 4° faire toute autre tâche lui confiée par le Conseil des Commissaires entrant dans les attributions de la Commission.

Iyo Visi-Perezida adahari cyangwa iyo asimburwa Perezida mu mirimo ye, imirimo y'ubwanditsi bw'inama z'Inama y'Abakomiseri, ikorwa n'umwe mu Bakomiseri wemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

**Ingingo ya 24 : Uko inama y'Abakomiseri itumizwa n'uko iyoborwa iyo Perezida na Visi-Perezida badahari**

Iyo Perezida na Visi-Perezida badahari cyangwa batagishoboye gukora akazi kabo, mu gihe batarasimburwa nk'uko bigenwa n'iri tegeko, umukuru mu myaka atumiza inama y'Inama y'Abakomiseri ikitoramo ababasimburwa by'agateganyo n'uyibera umwanditsi.

**UMUTWE WA IV: ABAKOZI N'INGENGO Y'IMARI BYA KOMISIYO**

**Ingingo ya 25: Abakozi bunganira Komisiyo**

Abakozi bunganira Komisiyo mu mirimo yayo ya buri muni bagengwa n'amategeko rusange agenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

In case of absence of the Deputy Chairperson or when he or she deputizes for the Chairperson, one of the Commissioners approved by the Council of Commissioners shall be the rapporteur for the meetings of the Council of Commissioners.

**Article 24: Convening of the meeting of the Council of the Commissioners and how it is chaired in absence of the Chairperson and the Vice Chairperson**

If absence of both the Chairperson and the Vice Chairperson or if they are unable to exercise their functions, during the time they are not yet replaced as prescribed by this law, the most senior member shall invite a meeting of the Council of Commissioner to elect among themselves their provisional substitutes and its rapporteur.

**CHAPTER IV: PERSONNEL AND BUDGET OF THE COMMISSION**

**Article 25: Support staff of the Commission**

The staff supporting the Commission in its daily activities shall be governed in accordance with General Statutes governing Rwanda Public service.

En cas d'absence ou d'empêchement du Vice-Président ou lorsque celui-ci remplace le Président, l'un des Commissaires désigné par le Conseil des Commissaires sert de rapporteur à ses réunions.

**Article 24: Modalités de convocation et de direction de la réunion du Conseil des Commissaires en cas d'absence du Président et du Vice-Président**

En cas d'absence ou d'incapacité simultanée du Président et du Vice-Président et en attendant qu'ils soient remplacés conformément à la présente loi, le Doyen des Commissaires convoque la réunion du Conseil des Commissaires qui élit en son sein leurs remplaçants temporaires et le rapporteur.

**CHAPITRE IV: PERSONNEL ET BUDGET DE LA COMMISSION**

**Article 25: Personnel d'appui de la Commission**

Le personnel d'appui de la Commission dans ses activités quotidiennes est régi par le Statut général de la fonction publique rwandaise.

**Ingingo ya 26: Umutungo wa Komisiyo n’aho ukomoka**

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n’ibintu byimukanwa n’ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y’imari igenerwa na Leta;
- 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz’abaterankunga;
- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 4° inyungu ku mutungo wayo;
- 5° impano n’indagano.

**Ingingo ya 27: Itegurwa ry’imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari**

Komisiyo itegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ikayishyikiriza Minisitiri ufite imari mu nshingano ze kugira ngo yemezwe n’Inama y’Abaminisitiri.

**Ingingo ya 28: Igenzurwa ry’umutungo wa Komisiyo**

Umutungo wa Komisiyo ugenzurwa n’Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta.

**Article 26: Patrimony of the Commission and its source**

The patrimony of the Commission shall comprise movables and immovables:

It shall come from the following sources:

- 1° State budget;
- 2° Government or donor grants;
- 3° proceeds from its services;
- 4° interest from its investment;
- 5° donation and bequest.

**Article 27: Preparation of the draft budget**

The Commission shall elaborate its draft budget proposal to be transmitted to the Minister in charge of finance for its approval by a Cabinet meeting.

**Article 28: Audit of the Patrimony of the Commission**

The patrimony of the Commission shall be audited by the Auditor General of State Finances.

**Article 26: Patrimoine de la Commission et sa source**

Le patrimoine de la Commission comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

- 1° les dotations budgétaires de l’Etat ;
- 2° les subventions de l’Etat ou des donateurs ;
- 3° le produit des services prestés par la Commission ;
- 4° les revenus de son patrimoine ;
- 5° les dons et legs.

**Article 27: Elaboration de l’avant-projet de budget**

La Commission élabore l’avant-projet de budget et le soumet au Ministre ayant les finances dans ses attributions pour approbation par le Conseil des Ministres.

**Article 28: Audit du patrimoine de la Commission**

L’audit du patrimoine de la Commission est effectué par l’Auditeur Général des finances de l’Etat.

## UMUTWE WA V: IBIHANO

### Ingingo ya 29: Ibihano bihabwa ubangamiye inshingano n'ububasha bya Komisiyo

Umuntu ubangamiye inshingano n'ububasha bya Komisiyo bivugwa mu ngingo ya 4, iya 9 n'ya 10 z'iri tegeko ahanishwa igifungo, guhera ku kwezi kumwe kugeza ku mezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda, guhera ku bihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) kugeza ku bihumbi ijana (100.000 Frw) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo ibangamira rikozwe n'urwego rwa Leta, Komisiyo ibikorera raporo yihariye ikayishyikiriza inzego zivugwa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko.

Bitabangamiye ibihano bikomeye kurushaho biteganywa n'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, iyo kubangamira inshingano n'ububasha bya Komisiyo bikozwe n'ishyirahamwe, rihanishwa igihano cyo guhagarikwa mu gihe kiri hagati y'amezi atandatu (6) n'umwaka umwe n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda, kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

## CHAPTER V: PENALTIES

### Article 29: Penalties given to a person who jeopardizes the responsibilities and powers of the Commission

Any person who jeopardises the responsibilities and the powers of the Commission referred to in articles 4, 9 and 10 of this Law shall be liable to an imprisonment from one to two (2) months and a fine from fifty thousand (50,000) to one hundred thousand (100,000) Rwanda Francs or any of those penalties.

Where the hindrance is brought in by a public institution, the Commission shall elaborate a related special report and submit it to the organs referred to in article 6 of this Law.

Subject to more serious penalties provided for by the Rwandan Criminal Laws, where this hindrance is brought in by a legal entity, the latter shall be punished by suspension for a period ranging from six (6) months to one year and a fine from one million (RWF1,000,000) to five million Rwandan francs (RWF 5,000,000) or any of those penalties.

## CHAPTRE V : SANCTIONS

### Articles 29: Sanctions encourues par celui qui entrave la Commission dans l'exercice de ses attributions et pouvoirs

Est passible d'une peine d'emprisonnement de un à deux (2) mois ou à une amende de cinquante mille (50.000 Frw) à cent mille francs rwandais (100.000 Frw) ou de l'une de ces peines, toute personne qui entrave la Commission dans l'exercice de ses attributions et pouvoirs tels que visés aux articles 4, 9 et 10 de la présente loi.

Lorsqu'il s'agit d'une institution publique qui entrave la Commission, la Commission en dresse un rapport spécial qu'elle soumet aux organes prévus à l'article 6 de la présente loi.

Sous réserve des peines beaucoup plus lourdes prévues par le Code pénal rwandais, les peines varient d'un emprisonnement de six (6) mois à une année ou d'une amende d'un million (1.000.000) à cinq millions (5.000.000) de francs rwandais ou l'une de ces peines s'il s'agit d'une personne morale qui entrave la Commission dans l'exercice de ses attributions et pouvoirs.

**Ingingo ya 30 : Igihe giteganyijwe ku bikurikiranwa na Komisiyo**

Bitabangamiye ubuzime buteganywa n'amategeko, ibikurikiranwa na Komisiyo nta gihe ntarengwa bigira kugira ngo hagaragazwe ukuri, kandi hakurikizwe amategeko.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranye n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyeho.

**Ingingo ya 32 : Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 06/07/2007

Perezida wa Repubulika  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**

**Article 30: No prescription for the cases prosecuted by Commission**

Subject to the extinction provided by law, cases prosecuted by the Commission shall not be subject to any time limits in order to discover the truth and enforce the law.

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 31: Abrogating provisions**

All previous legal provisions contrary to this Law are hereby abrogated.

**Article 32: Coming into force of the law**

This law comes into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 06/07/2007

The President of the Republic  
**KAGAME Paul**  
(sé)

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**

**Article 30: Non prescription des cas poursuivis par la Commission**

Sous réserve de l'extinction prévue par la loi, les cas poursuivis par la Commission sont imprescriptibles en faveur de l'établissement de la vérité et du respect des lois.

**CHAPTRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 31: Dispositions abrogatoires**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 32: Entrée en vigueur de la loi**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 06/07/2007

Le Président de la République  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

(sé)  
Minisitiri w'Ubutabera  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

(sé)  
The Minister of Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

Le Ministre de la Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi  
**MUSONI James**  
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning  
**MUSONI James**  
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification  
Economique  
**MUSONI James**  
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

The Minister of Public Service and Labour  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

Le Ministre de la Fonction Publique et du  
Travail  
**Prof. NSHUTI Manasseh**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya**  
**Repubulika :**  
Minisitiri w'Ubutabera  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
The Minister of Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République:**  
Le Ministre de la Justice  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

